

Inzu basengeramo - Gufatanya intego n'umutekano

Inzu basengeramo zigomba gufatanya kuba zifunguye no kwakira bose zikabarinda kugirirwa nabi. Ni byiza ko umutekano wuzuzanya n'ubutumwa bushingiye kw'iyobokamana.

Gahunda

- Shaka mu nyubako icyumba (ibyumba) cyaba gifite umutekano haramutse havutse igihe gisaba kuguma mu nzu cyangwa kwihisha.
- Kora ku buryo haba hafite urugi rw'igiti gikomeye/rw'icyuma rufite serire ikomeye.
- Kora ku buryo haba hari telefoni cyangwa ubundi buryo bw'itumanaho.
- Kora ku buryo iki cyumba kiba kirimo ibyo kurya, amazi, ibikoresho by'ubutabazi bw'ibanze ku bahahamutse (harimo bande yo kuzirika ahantu ngo hatava, bande zo mu gituzo, agatambaro kabonerana n'ibindi) n'ubwihereho busanzwe cyangwa bw'ubukorano.
- Tekereza ku gushyiraho ibindi bikoresho bishobora gukoreshwa mu gukaza umutekano w'urugi (nk'umugozi cyangwa imishumi ituma rwifunga).
- Shyiraho ahantu ho guhurira hanze igihe byaba bibaye ngombwa gusohorwa byihutirwa.
- Icaza abakorerabushake n'abereka abantu imyanya batatanye hose mu ikoraniro mu buryo bwo kwiteganyiriza (nko ku ibaraza, hafi y'aho basohokera) kugira ngo babone kandi bakore ku bikorwa byaba biteye amakenga.
- Koresha abakorerabushake mu gukurikirana imiryango mbere y'amateraniro, mu gihe aba na nyuma.

Gutegura

- Ha buri muntu inshingano mu gihe cyo kuguma mu nzu, harimo:
 - Gukinga no gushyira kare mu nzugi zo hanze.
 - Gukinga imiryango y'imbere ikaba bariyeri z'inyongera.
 - Gusukura ibyumba no kwerekeza abantu mu cyumba cyo kugumamo.
 - Gutekerezwa ku yindi mirimo yihariye ikenewe aho.
- Gumana USB cyangwa ifishi iriho imiterere cyangwa ibishushanyo by'inyubako; abakozi, itorero n'urutonde rw'abakorerabushake; ibintu byihariye byaba biri aho (nk'ikigo kirera abana ku manywa) n'ibindi inzego z'umutekano zakenera.
- Menya umuntu inzego z'umutekano zizahamagara bwa mbere.
- Wihwema kwitoza ibikorwa byo kuguma mu nzu no kwimura byihutirwa.
- Tekereza ku guhugura abakozi n'abakorerabushake ku nsanganyamatsiko nko ku mutekano bwite n'ihohoterwa rikorerwa ku kazi.

Ingamba zo kwirinda

Gahunda yuzuye y'umutekano itangirana n'intego n'ubushake. Ni ngombwa kugena itsinda ry'abagize ikoraniro mu rwego rwo gusuzuma no gushyiraho politiki na gahunda bishingiye ku mutekano no gukemura ibibazo.

- Guhuza ibikorwa by'umutekano/gukumira ibyaha mu rwego rwo gusuzuma umutekano.
- Gukora ku buryo ibibazo by'umutekano bikemurwa ku gihe kandi mu buryo buhujwe.
- Gufatanya ibikorwa n'inzego z'umutekano/gukumira ibyaha mu rwego rwo guhugura abakozi, abakorerabushake n'abagize ikoraniro.
- Guteza imbere umuco wo kumenyekanisha ibikorwa biteye amakenga, "ubonye ikintu, gira icyo uvuga."

Ahandi hari amakuru

<https://www.dhs.gov/publication/dhs-faith-based-guidance>



ONE
ALBUQUERQUE
APD